Urwego Rwashyiriweho Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga ("MICT") rwashyizweho n'Inama Ishinzwe Amahoro ku Isi y'Umuryango w'Abibumbye ku itariki ya 22 Ukuboza 2010 kugira ngo Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda (TPIR) n'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho Icyahoze ari Yugosilaviya (TPIY) nizimara kurangiza manda yazo ruzazisimbure ku byerekeranye n'ububasha, imirimo y'ingenzi, uburenganzira n'inshingano zari zifite.

IFISHI Y'AMAKURU KU RUBANZA

Kugeza ubu, abantu umunani barezwe na TPIR kubera uruhare rwabo muri jenoside yo mu Rwanda mu mwaka wa 1994 ntibarafatwa. Hateganyijwe ko MICT izaburanisha abaregwa batatu bakurikira: Augustin Bizimana, Félicien Kabuga na Protais Mpiranya. Abandi batanu ari bo Fulgence Kayishema, Charles Sikubwabo, Aloys Ndimbati, Ryandikayo na Phénéas Munyarugarama, imanza zabo zoherejwe mu Rwanda. Ladislas Ntaganzwa, na we washakishwaga kandi urubanza rwe rukaba rwaroherejwe mu Rwanda, yafatiwe muri Kongo ku itariki ya 9 Ukuboza 2015.

MICT-12-13

ARASHAKISHWA – CHARLES SIKUBWABO

Mu gihe ibyaha bivugwa mu Nyandiko y'ibirego byakorwaga, Charles Sikubwabo yari Burugumesitiri wa Komine ya Gishyita muri Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda.

Umwaka yavutsemo n'aho yavukiye	Muri za 40, igice cya mbere cy'icyo kinyacumi, Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda
Inyandiko y'ibirego	Inyandiko y'ibirego igenderwaho yatanzwe ku itariki ya 20 Ukwakira 2000
Aho urubanza rugeze	Arashakishwa kuva ku itariki ya 28 Ugushyingo 1995

AMAKURU Y'IBANZE KU RUBANZA

INYANDIKO Y'IBIREGO

Charles Sikubwabo yarezwe muri TPIR jenoside, kuba icyitso cy'abakoze jenoside, ubwumvikane bugamije gukora jenoside n'ibyaha byibasiye inyokomuntu byakorewe muri Komine ya Gishyita, Perefegitura ya Kibuye, mu Rwanda muri Mata 1994, icyo gihe akaba yari burugumesitiri wa komine.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko, muri Mata 1994, umubare munini w'abagabo, abagore n'abana baturukaga ahantu hatandukanye bahunga ibitero byagabwaga muri Perefegitura ya Kibuye yose n'ubwicanyi bwibasiye

abasivire bwahakoregwaga. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko benshi muri bo bateraniye mu kigo cya Mugonero, cyari kigizwe n'inyubako nyinshi, zarimo urusengero, ivuriro n'ibitaro kandi ko benshi muri abo bagabo, abagore n'abana bari Abatutsi kandi batitwajwe intwaro. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko, ku itariki ya 16 Mata 1994 cyangwa hafi yayo, amamodoka menshi yagendaga ashoreranye, akurikiwe n'abantu benshi bitwaje intwaro, yagiye ku kigo cya Mugonero. Hanavugwamo kandi ko, mu bantu bari muri ayo mamodoka yari ashoreranye, harimo Sikubwabo, abajandarume, abaporisi ba komine, abantu bo mu mutwe witwaraga gisirikare n'abasivire. Binavugwa kandi ko, abo bantu bari muri ayo mamodoka yagendaga ashoreranye, barimo na Sikubwabo, bagabye igitero ku bagabo, abagore n'abana bari mu kigo cya Mugonero, cyamaze umunsi wose. Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo ko icyo gitero cyahitanye abantu babarirwaga mu magana, kinakomeretsa abandi benshi muri abo bagabo, abagore n'abana bari bahungiye muri icyo kigo.

Mu Nyandiko y'ibirego havugwamo kandi ko mu mezi yakurikiye igitero cyo ku kigo cya Mugonero, abantu, barimo Sikubwabo, bahize kandi bakagaba ibitero ku Batutsi bari barokotse n'abandi, bamwe barabica abandi babatera ububabare buzahaza umubiri cyangwa mu mutwe.

Ibyaha aregwa mu nyandiko y'ibirego ni ibi:

Ikirego kimwe cya Jenoside (Ikirego cya 1A), cyangwa cyaba kitamuhamye
Ikirego kimwe cy'Ubwumvikane bugamije gukora jenoside (Ikirego cya 1B).

Hari kandi na
Ikirego kimwe cy'Ubwinjiracyaha bwa jenoside (Ikirego cya 2)

Ibirego bitatu by'Ibyaha byibasiye inyokomuntu

- Ubuhotozi (Ikirego cya 3)
- Itsembatsemba (Ikirego cya 4)
- Ibindi bikorwa bibi birenze kameremuntu (Ikirego cya 5)

KWIMURIRA URUBANZA MU RWANDA

Ku itariki ya 26 Werurwe 2012, Urugereko rwa TPIR rwaburanishaga ibyerekeranye no kwimura urubanza rwa Charles Sikubwabo rwategetse ko urubanza rwe rwoherezwa muri Repubulika y'u Rwanda

Ku itariki ya 7 Gicurasi 2014, Umucamanza umwe rukumbi, Vagn Joensen, yasohoye urwandiko rwo gufata Sikubwabo n'itegeko ryo kumwimura bisaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye kumushakisha, kumufata no kumushyikiriza Ubushinjacyaha Bukuru bwa Repubulika y'u Rwanda.

Icyemezo 1966 (2010) cy'Inama y'Umuryango w'Abibumbye Ishinzwe Amahoro ku Isi, giteganya ko ibihugu byose bifite inshingano yo gufatanya na MICT gushakisha abaregwa, kubafata, kubafunga, kubimura no kubashyikiriza inkiko zigomba kubaburanisha.